27 ° umushahara fatizo: umushahara muto wemewe n'itegeko hashingiwe kuri buri cyiciro cy'umurimo;

28 ° umushahara w'ibanze: amafaranga umukozi ahembwa, kubera akazi yakoze, hatarimo indamunite;

29 °umushahara: umushahara w'ibanze umukozi ahembwa hiyongereyeho indamunite kubera akazi yakoze;

30 ° urugaga rw'abakoresha: amahuriro y'abakoresha yishyize hamwe akora ibikorwa by'ubucuruzi kandi akora imirimo isa cyangwa ijya gusa, hagamijwe

25 ° forced labour: a work performed by a person against his/her will by force or under threat;

26 ° light work: a work which cannot have a detrimental effect on child's health, child development and child's education or other aspects of child's life interest;

27 ° minimum wage: the minimum wage recognized by Law based on each category of occupation;

28 ° basic salary: an amount of money paid to an employee for the work performed, which does not include allowances;

29 ° salary: the basic salary paid to an employee plus allocated allowances for the work performed;

30 ° employers' federation: employers' chambers carrying out commercial activities and exercising similar or related occupations and which have

25 ° travail forcé: travail exécuté par un individu contre sa volonté par force ou sous une menace;

26 ° travail léger: travail non nuisible à la santé, au développement et à l'éducation de l'enfant ou d'autres aspects de l'intérêt de la vie de l'enfant ;

27 ° salaire minimum: salaire minimum reconnu par la loi en fonction de chaque catégorie de profession;

28 ° salaire de base: paiement versé à un travailleur en contrepartie du travail effectué qui n'inclut pas les indemnités;

29 ° salaire : salaire de base payé au travailleur auquel s'ajoute les indemnités pour le travail effectué;

30 ° fédération des employeurs: chambres des employeurs exerçant les activités commerciales et engagés dans des métiers similaires ou connexes qui se sont regroupées

kurengera no guteza imbere inyungu zihuriweho mu by'ubukungu, imibereho myiza n'uburenganzira;

gathered together for the purpose of defending and promoting the common economic and social interests and rights;

pour défendre et promouvoir les intérêts communs économiques et sociaux ainsi que les droits;

31 °urugaga rw'abakozi: ihuriro ry'impuzamasendika ryanditse rigamije kurengera no guteza imbere inyungu zihuriweho mu by'ubukungu, imibereho myiza n'uburenganzira.

31 ° employees' confederation: a registered umbrella of employees' federations whose aim is to defend and promote the common economic and social interests and rights.

31 °confédération des travailleurs: organisation faîtière enregistrée des fédérations des travailleurs ayant pour mission la défense et la promotion des intérêts communs économiques et sociaux ainsi que des droits.

Ingingo ya 4: Uburyo bw'imikorere bubereye umukozi mu kazi

Article 4: Conducive working environment for the employee

Article 4: Conditions de travail favorables au travailleur

Uburyo bw'imikorere y'akazi bubereye umukozi bugengwa n'iri tegeko.

The conducive working environment for an employee is regulated by this Law.

Les conditions de travail favorables au travailleur sont règlementées par la présente loi.

Icyakora, uburyo bubereye umukozi mu kazi bukubiye mu masezerano y'umurimo yihariye, mu mategeko ngengamikorere y'ikigo cyangwa mu masezerano rusange buremewe.

However, conducive working conditions for an employee which are stipulated in individual employment contract, rules of procedure of an enterprise or collective agreement are allowed.

Toutefois, les conditions de travail favorables au travailleur stipulées dans le contrat de travail individuel, dans le règlement intérieur de l'entreprise ou dans la convention collective sont permises.

Ingingo ya 5: Imyaka fatizo yo gutangira gukora akazi

Article 5: Minimum age for admission to employment

Article 5: Âge minimum d'admission à l'emploi

Imyaka fatizo yo gutangira gukora akazi ni cumi n'itandatu (16).

The minimum age for admission to employment is sixteen (16) years.

L'âge minimum d'admission à l'emploi est de seize (16) ans.

Icyakora, umwana uri hagati y'imyaka cumi n'itatu (13) na cumi n'itanu (15) yemerewe gukora gusa imirimo yoroheje mu rwego rwo kwitoza umurimo.

However, a child aged between thirteen (13) and fifteen (15) years is allowed to perform only light works in the context of apprenticeship.

Toutefois, un enfant de treize (13) ans à quinze (15) ans est autorisé à faire les travaux légers uniquement dans le cadre de l'apprentissage.

Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze rigena urutonde rw'imirimo yoroheje ku mwana uvugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo.

An Order of the Minister in charge of labour establishes the list of light works for the child provided for under Paragraph 2 of this Article.

Un arrêté du Ministre ayant le travail dans ses attributions établit la liste des travaux légers pour l'enfant stipulé à l'alinéa 2 du présent article.

Ingingo ya 6: Imirimo ibujijwe ku mwana

Article 6: Prohibited forms of work for the child

Article 6 : Formes de travail interdites pour l'enfant

Gukoresha umwana utarageza ku myaka cumi n'umunani (18) umwe muri iyi mirimo ikurikira birabujijwe:

It is prohibited to subject a child below the age of eighteen (18) years to any of the following forms of work:

Il est interdit de soumettre un enfant âgé de moins de dix-huit (18) ans à l'une des formes de travail suivantes :

1° imirimo ihungabanya imiterere y'umubiri w'umwana;

1 ° forms of work which are physically harmful to the child;

1 ° formes de travail physiquement préjudiciables à l'enfant;

2° imirimo ikorerwa munsu y'ubutaka, munsu y'amazi, kandi harehare cyangwa hafunganye;

2 ° work underground, under water, at dangerous heights or in confined spaces;

2 ° travail sous terre, sous l'eau, à des hauteurs dangereuses ou dans des espaces confinés;

3° imirimo ikoreshwa imashini n'ibikoreshe bishobora kugira ingaruka mbi cyangwa isaba guterura no kwikorera umutwaro uremereye;

3 ° work with dangerous machinery, equipment and tools, or which involves the manual handling or transport of heavy loads;

3 ° travail avec des machines et des équipements et des outils dangereux ou qui implique la manutention manuelle ou le transport de charges lourdes;

4° imirimo ikorerwa ahantu hari ubushyuhe, ubukonje, urusaku,

4 ° work in an environment which exposes the child to temperatures,

4 ° travail dans un environnement à des niveaux de température, de froid, de

ibitigita n'ibindi byangiza ubuzima bw'umwana;	noise levels or vibrations damaging to his/her health;	bruit ou de vibrations préjudiciables à la santé de l'enfant;
5° imirimo ikorwa amasaha menshi, mu ijoro cyangwa ikorerwa ahantu hafunganye.	5 ° work for long hours or during the night or work performed in confined spaces.	5 ° travail de longues heures, de nuit ou pendant la nuit ou dans des locaux confinés.
Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze rigena imiterere y'imirimo ibujijwe ku mwana.	An Order of the Minister in charge of labour determines the nature of prohibited forms of work for a child.	Un arrêté du Ministre ayant le travail dans ses attributions détermine la nature des formes de travail interdites à l'enfant.
<u>Ingingo ya 7:</u> Ibuzwa ry'imirimo y'agahato	<u>Article 7:</u> Prohibition of forced labour	<u>Article 7 :</u> Interdiction du travail forcé
Gukoresha umuntu imirimo y'agahato, gutanga uburenganzira bwo gukoresha umuntu cyangwa kwemera ko hagira undi ukoreshe imirimo y'agahato mu buryo buziguye cyangwa butaziguye birabujijwe.	It is prohibited to impose forced labour, permit the imposition thereof or accept, whether directly or indirectly, that a person be subjected to forced labour.	Il est interdit d'imposer le travail forcé, d'autoriser l'imposition de ce dernier ou d'accepter, directement ou indirectement, qu'il soit imposé à autrui.
Icyakora, imirimo ikurikira ntifatwa nk'iy'agahato:	However, the following forms of work are not considered forced labour:	Toutefois, les formes de travail suivantes ne sont pas réputées forcées :
1 ° umurimo ukorwa hakurikijwe amategeko agenga imirimo itegetswe y'igisirikare;	1 ° any work performed in accordance with the Laws governing mandatory military service;	1 ° un travail effectué en vertu des lois régissant le service militaire obligatoire;
2 ° umurimo ukorwa hagamijwe kwigisha uburere mboneragihugu no gukunda Igihugu;	2 ° any work performed as part of a training aimed at civic and patriotic education;	2 ° un travail effectué en vue d'une formation visant l'éducation civique et patriotique;
3 ° umurimo utegetswe umuntu hakurikijwe icyemezo cy'urukiko	3 ° any work imposed following a decision of a court and which is	3 ° un travail exigé suivant une décision judiciaire et effectué sous

kandi ugenzurwa n'urwego rwa
Leta rubifitiye ububasha;

executed under the control of a
competent public authority;

le contrôle d'une autorité publique
compétente;

4° umurimo utegetswe umuntu mu
gihe cy'amage, imidugararo
cyangwa ibiza.

4° any work imposed in case of the
state of siege, emergency or
disasters.

4° un travail exigé en cas d'état de
siège, d'urgence ou de catastrophes.

**Ingingo ya 8: Kubuza guhoza ku nkeke
uwo ukuriye mu kazi hagamijwe
imibonano mpuzabitsina**

**Article 8: Prohibition of sexual
harassment**

**Article 8 : Interdiction du harcèlement
sexuel**

Guhoza ku nkeke uwo ukuriye mu kazi
hagamijwe imibonano mpuzabitsina ku
buryo ubwo ari bwo bwose birabujijwe.

Sexual harassment in any form against
supervisee is prohibited.

Tout harcèlement sexuel quelle que soit sa
forme contre le subalterne est interdit.

Kwirukana umukozi ku kazi kubera ko
yatanze amakuru cyangwa ubuhamya ku
bijyanye no guhozwa ku nkeke hagamijwe
imibonano mpuzabitsina bikoze
n'umukuriye mu kazi birabujijwe.

It is prohibited to dismiss an employee for
having reported or testified on sexual
harassment committed by his/her
supervisor.

Il est interdit de licencier un travailleur pour
avoir fourni des informations ou
témoignages sur le harcèlement sexuel
commis par son supérieur.

Igihe hari ibimenyetso bifatika byemeza ko
umukozi yasezeye ku kazi kubera guhozwa
ku nkeke n'umukuriye agamije gukorana na
we imibonano mpuzabitsina, bifatwa nko
kwirukanwa ku kazi nta mpamvu.

If there is tangible evidence that an
employee has resigned due to sexual
harassment committed against him/her by
his/her supervisor, his/ her resignation is
considered as unfair dismissal.

Lorsqu'il y a des preuves certaines attestant
que le travailleur a démissionné en raison
du harcèlement sexuel commis contre lui
par son supérieur, cette démission est
considérée comme un licenciement abusif.

**Ingingo ya 9: Kurindwa ivangura mu
kazi**

**Article 9: Protection against
discrimination at workplace**

**Article 9 : Protection contre la
discrimination au lieu du travail**

Umukoresha agomba guha abakozi
amahirwe angana mu kazi.

An employer must give employees equal
opportunities at the workplace.

Un employeur doit donner aux travailleurs
les mêmes opportunités au lieu du travail.

Umukoresha abujijwe gukora ivangura mu kazi rishingiye ku bwoko, ku muryango cyangwa ku gisekuru, ku nzu, ku ibara ry'umubiri, ku gitsina, ku karere, ku byiciro by'ubukungu, ku idini cyangwa ukwemera, ku bitekerezho, ku mutungo, ku itandukaniro ry'umuco, ku rurimi, ku bumuga bw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe no ku rindi vangura iryo ari ryo ryose.

An employer is prohibited from discriminating employees on basis of ethnic origin, family or ancestry, clan, skin colour or race, sex, region, economic categories, religion or faith, opinion, fortune, cultural difference, language, physical or mental disability or any other form of discrimination.

Il est interdit à l'employeur de pratiquer une discrimination à l'encontre des travailleurs en se basant sur l'ethnie, la famille ou l'ascendance, le clan, la couleur de la peau ou la race, le sexe, la région, les catégories économiques, la religion ou la croyance, l'opinion, la fortune, la différence de culture, la langue, la déficience physique ou mentale ou sur toute autre forme de discrimination.

Umukoresha wese agomba guhamba umushahara ungana abakozi bakora imirimo y'agaciro kangana nta vangura iryo ari ryo ryose.

Every employer must pay employees equal salary for work of equal value without discrimination of any kind.

L'employeur doit payer les travailleurs un salaire égal pour un travail de valeur égale, sans discrimination aucune.

Ingingo ya 10: Uburenganzira bwo gutanga ibitekerezho no kwishyira hamwe

Article 10: Right to freedom of opinion and association

Article 10 : Droit à la liberté d'opinion et d'association

Abakozi n'ababahagarariye bafite uburenganzira bwo gutanga ibitekerezho ku bijyanye n'uko akazi gateye, gakorwa n'uko gakwiye gukorwa.

Employees and their representatives have the right to express their opinions with regard to working conditions, work execution and organization.

Les travailleurs et leurs représentants ont le droit à la liberté d'expression en ce qui concerne les conditions de travail, l'exercice et l'organisation du travail.

Abakozi bafite uburenganzira bwo gushinga sendika cyangwa kujya muri sendika iriho.

Employees have the right to form or join a trade union.

Les travailleurs ont le droit de former un syndicat ou d'y adhérer.

Abakoresha bafite uburenganzira bwo gushinga ishyirahamwe cyangwa kujya mu mashyirahamwe y'abakoresha ariho.

Employers have the right to form or join employers' associations.

Les employeurs ont le droit de former une association ou d'y adhérer.

**UMUTWE WA II: AMASEZERANO
Y'UMURIMO, AYO KWITOZA
UMURIMO N'AYO
KWIMENYEREZA UMWUGA**

**CHAPTER II: EMPLOYMENT
CONTRACT, APPRENTICESHIP AND
INTERNSHIP CONTRACTS**

**CHAPITRE II : CONTRAT DE
TRAVAIL ET CONTRATS
D'APPRENTISSAGE ET DE STAGE**

**Icyiciro cya mbere: Amasezerano
y'umurimo**

Section One: Employment contract

Section première : Contrat de travail

**Ingingo ya 11: Gukora amasezerano
y'umurimo**

**Article 11: Conclusion of an employment
contract**

**Article 11: Conclusion d'un contrat de
travail**

Amasezerano y'umurimo akorwa
hashingiwe ku bwumvikane bw'umukozi
n'umukoresha.

An employment contract is concluded
based on the mutual consent of the
employee and employer.

Le contrat de travail est conclu sur base de
consentement mutuel du travailleur et de
l'employeur.

Amasezerano y'umurimo hagati y'umukozi
umwe n'abakoresha barenze umwe
aremewe igihe cyose hatagize abangamiye
ayandi.

Employment contracts between an
employee and more than one employer are
acceptable if they are not compromising
one another.

Les contrats de travail entre un travailleur et
plus d'un employeur sont admis si ces
contrats ne se compromettent pas.

Amasezerano y'umurimo ashobora kuba
ay'igihe kizwi cyangwa kitazwi.

An employment contract can be for a fixed
term or indefinite.

Un contrat de travail peut être à durée
déterminée ou indéterminée.

Amasezerano y'umurimo ashobora kuba
yanditse cyangwa atanditse.

The employment contract can be written or
unwritten.

Le contrat de travail peut être constaté par
écrit ou non.

Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu
nshingano ze rigena iby'ingenzi bikubiye
mu masezerano y'umurimo yanditse.

An Order of the Minister in charge of labour
determines the core elements of written
employment contract.

Un arrêté du Ministre ayant le travail dans
ses attributions détermine les éléments
essentiels du contrat de travail constaté par
écrit.

Icyakora, amasezerano y'umurimo atanditse ntashobora kurenza iminsi mirongo cyenda (90) ikurikiranye.	However, the duration of unwritten employment contract cannot exceed ninety (90) consecutive days.	Toutefois, la durée du contrat de travail non écrit ne peut dépasser quatre-vingt-dix (90) jours consécutifs.
Gihamya y'amasezerano y'umurimo ishobora kuba mu buryo ubwo ari bwo bwose.	A proof of an employment contract can be established by any means.	La preuve de l'existence du contrat de travail peut être constatée par tous les moyens.
<u>Ingingo ya 12: Umurimo ku mukozi w'umunyamahanga</u>	<u>Article 12: Employment of a foreign employee</u>	<u>Article 12: Emploi d'un travailleur étranger</u>
Imikoranire y'umurimo hagati y'umukoresha n'umukozi w'umunyamahanga igengwa n'iri tegeko, uretse ibiteganywa ukundi n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeje.	The employment relationship between the employer and foreign employee is governed by this Law unless otherwise provided for by international treaties ratified by Rwanda.	La relation d'emploi entre l'employeur et le travailleur étranger est régie par la présente loi sauf disposition contraire des traités internationaux ratifiés par le Rwanda.
Umukozi w'umunyamahanga ukorera mu Rwanda ahabwa amasezerano y'umurimo yanditse.	A foreign employee who works in Rwanda is given a written employment contract.	Un travailleur étranger qui travaille au Rwanda se voit accorder un contrat de travail écrit.
Ibirebana n'impushya z'akazi ku mukozi w'umunyamahanga ukorera mu Rwanda bigengwa n'amategeko agenga abinjira n'abasohoka mu Gihugu.	Matters relating to work permit for a foreign employee who works in Rwanda are determined by the Rwandan immigration and emigration Laws.	Les matières relatives au permis de travail d'un travailleur étranger travaillant au Rwanda sont déterminées par la législation rwandaise sur l'immigration et émigration.
Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze amaze kugisha inama urwego rushinzwe abinjira n'abasohoka mu Gihugu ashiraho iteka rigenga imikorere y'akazi ku mukozi w'umunyamahanga mu Rwanda.	The Minister in charge of labour, after consultation with immigration and emigration service, issues an Order regulating employment for foreign employees in Rwanda.	Le Ministre ayant le travail dans ses attributions, après consultations avec le service d'immigration et émigration, établit un arrêté régissant l'emploi des travailleurs étrangers au Rwanda.

Ingingo ya 13: Igihe cy'igeragezwa ku murimo

Igihe cy'igeragezwa ku murimo ntigishobora kurenza amezi atatu (3).

Icyakora, nyuma y'isuzuma ryanditse kandi ryamenyeshejwe umukozi, umukoresha ashobora gusubirishamo igeragezwa mu gihe kitarenze amezi atatu (3) bitewe n'impamvu zumvikana, zishingiye ku miterere y'akazi, imikorere n'imyitwarire by'umukozi.

Iyo igeragezwa rirangiye rikagaragaza ko umukozi ashoboye akazi, ahita ahabwa akazi abimenyeshejwe mu nyandiko n'umukoresha.

Iyo igeragezwa rigaragaje ko umukozi adashoboye akazi, hashingiwe ku isuzumabushobozi ryanditse kandi ryamenyeshejwe umukozi, umukoresha asesa amasezerano y'umurimo nta nteguza. Iseswa ryayo ntirituma hatangwa imperekeza usibye gusa umushahara umukozi yakoreye.

Umukozi wongeye guhabwa akazi mu kigo yakoreye mbere kuri uwo mwanya yakozeho ntiyongera gushyirwa mu gihe cy'igeragezwa ry'akazi.

Article 13: Probation period

The probation period cannot exceed three (3) months.

However, after the written evaluation of the employee's performance notified to the employee, the employer can for valid reasons related to the nature of work, employee's performance and conduct, decides that an employee retakes the probation for a period not exceeding three (3) months.

If the probation period comes to an end and proves to be conclusive, the employee is immediately offered employment and notified in writing by the employer.

If the probation period proves that an employee is not competent based on written performance evaluation and notified to the employee, the employer terminates the employment contract without notice. Apart from the salary for which the employee has worked for, such termination does not entail the payment of terminal benefits.

An employee re-employed by the same employer for the same job position is not subject to the probation period.

Article 13: Période d'essai

La période d'essai ne peut dépasser trois (3) mois.

Toutefois, après l'évaluation écrite des performances du travailleur qui a été notifiée à ce dernier, l'employeur peut, pour des raisons valables liées à la nature du travail, aux performances et à la conduite du travailleur, décider de la reprise de la période d'essai pour une durée ne dépassant pas trois (3) mois.

Si la période d'essai se termine et s'avère concluant, le travailleur se voit offrir l'emploi immédiatement et informé en écrit par l'employeur.

Si la période d'essai prouve que le travailleur n'est pas compétent, sur base d'une évaluation des performances écrite notifiée au travailleur, l'employeur résilie le contrat sans préavis. Une telle résiliation ne donne pas lieu au paiement des indemnités de départ excepté le salaire pour lequel le travailleur a travaillé.

Un travailleur engagé de nouveau par le même employeur pour le même emploi n'est pas soumis à la période d'essai.

Ingingo ya 14: Guhindura amasezerano y'umurimo

Amasezerano y'umurimo ashobora guhindurwa umurimo ugikomeza bisabwe na rumwe mu mpande zayagiranye kandi zombi zibyumvikanyeho.

Article 14: Modification of employment contract

The employment contract can be modified in the course of its execution at the request of either party and upon mutual consent.

Article 14: Modification du contrat de travail

Le contrat de travail peut être modifié en cours d'exécution à la demande de l'une des parties au contrat après leur consentement mutuel.

Ingingo ya 15: Ihinduka ry'imiterere y'ikigo

Iyo habayeho ihinduka ry'imiterere y'ikigo, mu rwego rw'amategeko amasezerano y'umurimo atararangira agumana agaciro kayo hagati y'umukoresha mushya n'abakozi bari basanzwe b'ikigo. Icyakora, iseswa ry'ayo masezerano rishobora kubaho gusa mu buryo buteganywa n'iri tegeko.

Article 15: Modification of the enterprise's status

In case of modification of the enterprise's legal status, employment contracts in progress on the date of the modification remain valid between the new employer and the existing employees of the enterprise. However, the termination of such contracts may only take place under the conditions provided for by this Law.

Article 15 : Modification du statut de l'entreprise

En cas de modification survenue du statut juridique de l'entreprise, les contrats de travail en cours au jour de la modification restent valables entre le nouvel employeur et les travailleurs existants de l'entreprise. Toutefois, la résiliation de ces contrats ne peut intervenir que dans les conditions prévues par la présente loi.

Ingingo ya 16: Kwimura amasezerano y'umurimo

Amasezerano y'umurimo ntashobora kwimurwa ava ku mukoresha umwe aya ku wundi, umukozi atabiyemereye.

Article 16: Transfer of employment contract

An employment contract cannot be transferred from one employer to another without the employee's consent.

Article 16 : Transfert du contrat de travail

Un contrat de travail ne peut être transféré d'un employeur à un autre sans le consentement du travailleur.

Ingingo ya 17: Kwimura umukozi ku mwanya w'umurimo

Umukozi agomba gukora akazi ku mwanya yasabye.

Article 17: Moving an employee to another position

The employee must occupy the position he or she applied for.

Article 17 : Déplacer un travailleur à un autre poste

Le travailleur doit occuper le poste qu'il a demandé.

Umukoresha ashingiye ku nyungu z'ikigo, ashobora kwimurira umukozi ku wundi mwanya utandukanye n'uwo yasabye uri ku rwego rumwe na wo atagabanyije umushahara we n'ibindi agenerwa.

An employer, due to the enterprise's interests, can transfer an employee to a position different from the one he or she applied for but which is at the same level as that one he or she applied for without reducing his/her salary and other benefits.

L'employeur, en raison des intérêts de l'entreprise, peut déplacer le travailleur à un poste différent de celui qu'il a demandé mais qui est au même niveau que celui qu'il a demandé sans réduire son salaire et d'autres avantages.

Umukoresha ntagomba gushyira umukozi ku rundi rwego rw'umurimo atabyemeye iyo bishobora kumushyira ku rwego ruri hasi y'urwo yari asanzweho no kumugabanyiriza umushahara.

An employer cannot transfer an employee to another level of employment which can result in reducing his/her level and salary without the employee's consent.

Un employeur ne peut transférer un travailleur à un autre niveau d'emploi qui peut entraîner la réduction de son grade et de son salaire sans le consentement du travailleur.

Ingingo ya 18: Isubikwa ry'amasezerano y'umurimo

Article 18: Suspension of employment contract

Article 18: Suspension du contrat de travail

Isubikwa ry'amasezerano y'umurimo ribaho mu gihe amasezerano adasheshwe ariko abayagiranye bahagarika zimwe cyangwa zose mu nshingano bari bafite.

The suspension of employment contract occurs when termination thereof does not take place, but parties suspend the performance of all or part of their obligations.

La suspension du contrat de travail intervient lorsque le contrat n'est pas résilié mais les parties suspendent toutes ou partie de leurs obligations.

Inshingano buri ruhande rusigarana zigomba kuba ziteganywa n'iri tegeko cyangwa zumvikanyweho n'impande zombi.

Each party's obligations which remain during suspension must be provided for under this Law or agreed upon by both parties.

Les obligations restantes de chaque partie pendant la suspension doivent être prévues par la présente loi ou convenues entre les deux parties.

Amasezerano y'umurimo asubikwa kubera imwe mu mpamvu zikurikira:

The suspension of employment contract occurs due to any of the following grounds:

La suspension d'un contrat de travail intervient pour l'un des motifs suivants :

1 ° habayeho guhagarika umurimo cyangwa gufunga ikigo hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko;	1 ° in case of strike or lockout carried out in accordance with the provisions of this Law;	1 ° en cas de grève ou de lock-out effectué conformément aux dispositions de la présente loi;
2 ° umukozi ahagaritswe nk'igihano cyo mu rwego rw'akazi mu gihe cy'iminsi umunani (8) y'akazi idahemberwa;	2 ° disciplinary layoff of an employee for a period of eight (8) working days;	2 ° mise à pied disciplinaire du travailleur de huit (8) jours ouvrables;
3 ° umukozi ahanishijwe igihano cy'igifungo kitarengeje amezi atandatu (6) cyangwa afunzwe by'agateganyo mu gihe kitarenze amezi atandatu (6);	3 ° an employee is sentenced to an imprisonment not exceeding six (6) months or is provisionally detained for a period not exceeding six (6) months;	3 ° le travailleur est condamné à une peine d'emprisonnement ne dépassant pas six (6) mois ou est détenu provisoirement pour une durée ne dépassant pas six (6) mois;
4 ° ikigo gihagaritse imirimo yacyo by'igihe gito bitewe n'impamvu z'ubukungu cyangwa za tekini;	4 ° suspension of the enterprise's activities as a result of economic or technical difficulties;	4 ° suspension d'activité de l'entreprise en raison des difficultés économiques ou techniques;
5 ° habayeho guhagarika umukozi ukorwaho iperereza mu rwego rw'akazi;	5 ° suspension for administrative investigation purposes;	5 ° suspension du travailleur pour des raisons d'enquête administrative;
6 ° hari impamvu ndakumirwa zituma imirimo y'ikigo ihagarara.	6 ° suspension of the enterprise's activities due to force majeure.	6 ° suspension d'activité de l'entreprise en cas de force majeure.
Izindi mpamvu z'isubikwa ry'amasezerano y'umurimo zigenwa binyuze mu masezerano y'umurimo, amategeko ngengamikorere y'ikigo, cyangwa amasezerano rusange.	Other grounds for the suspension of employment contract are set out in the employment contract, in the rules of procedure of the enterprise and collective agreement.	D'autres motifs de suspension du contrat de travail sont prévu dans le contrat de travail, dans le règlement intérieur de l'entreprise ou dans les conventions collectives.

Ingingo ya 19: Impanuka cyangwa indwara bikomoka ku murimo

Umukozi wagize impanuka cyangwa indwara bikomoka ku murimo yarateganyirijwe n'umukoresha we mu kigo cy' ubwiteganyirize mu Rwanda yishyurwa hakurikije amategeko agenga ubwiteganyirize bw'abakozi mu Rwanda.

Umukozi wagize impanuka cyangwa indwara bikomoka ku murimo atateganyirijwe n'umukoresha we mu kigo cy'ubwiteganyirize mu Rwanda yishyurwa n'umukoresha amafaranga angana nk'ayo yagahawe n'ikigo cy'ubwiteganyirize mu Rwanda iyo aza kuba yarateganyirijwe, harimo kumuvuza n'ibindi bijyanye na byo.

Umukozi ntashobora gusezererwa ku murimo bitewe n'ibyago bikomoka ku murimo, keretse iyo byemejwe na muganga wemewe na Leta ko atagishoboye gukomeza gukora uwo murimo.

Iyo bigaragaye ko umukozi agishoboye gukora akazi umukoresha amuhindurira umwanya w'umurimo ujyanye n'ubushobozi bwe. Iyo udahari

Article 19: Occupational accident or disease

An employee who has an occupational accident or disease while his/her employer has contributed for him/ her in a social security body in Rwanda, he/she is entitled to compensation in accordance with Laws governing social security in Rwanda.

An employee having an occupational accident or disease while the employer has not contributed for him/her in a social security body in Rwanda, receives from the employer compensation equivalent to the social benefits he/she would have received from a social security body in Rwanda if the employer had contributed for him/her, including medical and related expenses.

An employee cannot be dismissed as a result of occupational accident unless a recognized doctor declares him/her unfit to resume service in the employment he/she held prior to the accident.

If it appears that the employee is fit to work again, the employer offers him/her another employment suitable to his/her ability. In case of absence of such an employment, the

Article 19: Accident de travail ou maladie professionnelle

Un travailleur qui a un accident de travail ou une maladie professionnelle alors que son employeur a cotisé pour lui dans une institution de sécurité sociale au Rwanda, il bénéficie d'une indemnisation conformément à la législation régissant la sécurité sociale au Rwanda.

Le travailleur qui a un accident de travail ou une maladie professionnelle alors que son employeur n'a pas cotisé pour lui dans une institution de sécurité sociale au Rwanda, il bénéficie, de la part de son employeur, d'une indemnité équivalente aux prestations dont il aurait bénéficié d'une institution de sécurité sociale au Rwanda si l'employeur avait cotisé pour lui, y compris des frais médicaux et autres dépenses y relatives.

Le travailleur ne peut être licencié suite à un accident de travail à moins qu'un médecin agréé ne le déclare inapte à reprendre l'emploi qu'il occupait précédemment.

S'il s'avère qu'un travailleur est apte à travailler encore, l'employeur lui propose un autre emploi approprié à ses capacités. En cas d'absence d'un tel emploi, le contrat

amasezerano y'umurimo araseswa umukozi agahabwa ibiteganywa n'amategeko.

contract is terminated with the employee being granted benefits provided for by Law.

de travail est résilié, et le travailleur bénéficie des indemnités prévues par la loi.

Ingingo ya 20: Gusubika amasezerano y'umurimo kubera iperereza rikorwa n'umukoresha mu kazi

Article 20: Suspension of employment contract due to administrative investigation by an employer

Article 20: Suspension du contrat de travail pour cause d'enquête administrative par l'employeur

Iyo umukoresha akora iperereza ku mukozi mu rwego rw'umurimo rishobora gutuma ahagarikwa hashingiwe ku ikosa yaba yakoreye mu kazi, umukoresha ashobora kumuhagarika mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) adahembwa ariko umushahara we ukabarwa ukabikwa.

When an employer is conducting administrative investigation against an employee while such investigation can result in suspension, the employer can suspend the employee in writing for a period not exceeding thirty (30) days without payment but the employee's salary is calculated and retained.

Lorsqu'un employeur est en train de mener une enquête administrative sur un travailleur alors que cette enquête peut donner lieu à sa suspension, l'employeur peut suspendre le travailleur par écrit pour une période ne dépassant pas trente (30) jours non payés mais son salaire est calculé et conservé.

Iyo nyuma y'iperereza umukozi adahamwe n'ikosa, umukoresha amusubiza mu kazi kandi akamuhemba umushahara we wose yari yarabikiwe.

If, after the investigation, the employee's innocence is proven, the employer reinstates the employee and pays him/her all his/her salary that was retained for him/her.

Si, après l'enquête, l'innocence du travailleur est prouvée, l'employeur le réintègre dans son poste et lui paie tout son salaire conservé.

Ingingo ya 21: Isubikwa ry'amasezerano y'umurimo kubera impamvu z'ubukungu cyangwa iza tekiniki

Article 21: Suspension of employment contract due to economic or technical reasons

Article 21: Suspension du contrat de travail pour des raisons économiques ou techniques

Mu gihe habayeho isubikwa ry'amasezerano y'umurimo mu gihe gito kubera impamvu z'ubukungu cyangwa iza tekiniki, umukozi ntashobora gushyirwa mu gihe cyo kudakora ku mpamvu z'imirimo mike inshuro imwe (1) cyangwa

In case of suspension of employment contract due to economic or technical reasons, an employee cannot be laid off one or more times for a period longer than ninety (90) days during the same period of one (1) year.

En cas de suspension du contrat de travail pour des raisons économiques ou techniques, le travailleur ne peut pas être mis au chômage technique une ou plusieurs fois dans une période de plus de quatre-vingt-dix (90) jours au cours de la même période d'une (1) année.

nyinshi mu gihe kirenze iminsi mirongo cyenda (90) mu mwaka umwe (1).

Iyo igihe kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kirenze, bifatwa nk'aho umukozi yasezerewe agahabwa impererekeza ziteganywa n'iri tegeko.

Umukoresha, nyuma yo kubigaragariza abahagarariye abakozi mu kigo, ashobora gusezerera umukozi umwe cyangwa benshi bitewe no guhuza imirimo isa, kuvanaho cyangwa kuvugurura imikorere y'ikigo kubera impamvu z'ubukungu cyangwa guhindura ikoranabuhanga ryakoreshwaga hagamijwe kugira ngo ikigo kirusheho guhigana kandi akabimenyesha mu nyandiko umugenzuzi w'umurimo ubifitiye ububasha.

Iyo umukoresha asezereye umukozi umwe cyangwa benshi kubera impamvu zivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, ashyira ku rutonde abakozi bateganywa gusezererwa hakurikijwe ubushobozi ku murimo, amashuri, uburambe muri icyo kigo n'umubare w'abantu bemewe n'amategeko buri mukozi atunze.

Upon expiry of the period provided for under Paragraph One of this Article, the employee is considered dismissed, and receives terminal benefits provided for by this Law.

The employer may, after informing employees' representatives in the enterprise, proceed with individual or collective dismissal due to the enterprise's internal reorganization or restructuring due to economic reason or technological transfer with the aim of preserving the enterprise's competitiveness and informs in writing the competent labour inspector.

In case an employer proceeds with individual or collective dismissal on the grounds provided for under Paragraph 3 of this Article, he/she places employees on the list of those to be dismissed based on performance, professional qualification, experience in the enterprise and legally recognized dependents of each employee.

Après l'expiration du délai stipulé à l'alinéa premier du présent article, le travailleur est réputé licencié et bénéficie des indemnités de départ prévues par la présente loi.

L'employeur peut, après en avoir informé les représentants des travailleurs dans l'entreprise, procéder à un licenciement individuel ou collectif suite à une réorganisation intérieure ou une restructuration en raison économiques ou des mutations technologiques dans le but de sauvegarder la compétitivité de l'entreprise. Il en informe l'inspecteur du travail compétent par écrit.

Lorsque l'employeur procède au licenciement individuel ou collectif suite aux raisons stipulés à l'alinéa 3 du présent article, il établit l'ordre de licenciement en tenant compte de la performance, de la qualification professionnelle, de l'ancienneté dans l'entreprise et du nombre de personnes à charge reconnus légalement de chacun des travailleurs.

Ingingo ya 22: Uburenganzira bwo gusubizwa mu kazi nyuma yo gusezererwa kubera impamvu z'ubukungu cyangwa iza tekiniki

Umukozi usezerewe ku kazi kubera impamvu z'ubukungu cyangwa iza tekiniki, kandi akaba atarengeje amezi atandatu (6) uhereye igihe yasezerewe, afite uburenganzira bwo gusubizwa mu kazi adakoze ipiganwa iyo yujuje ibisabwa ku mwanya umukoresha akeneyeho umukozi.

Ingingo ya 23: Amasezerano y'umurimo yo ku rwego rwa kabiri

Amasezerano y'umurimo yo ku rwego rwa kabiri akorwa igihe umukoresha aha undi mukoresha imirimo imwe n'imwe cyangwa serivisi kugira ngo ayikore.

Amasezerano y'umurimo yo ku rwego rwa kabiri ateganya ingwate yo kwishyura imishahara y'abakozi, ubwiteganyirize bw'abakozi hamwe n'izindi nshingano z'umukoresha ku mukozi n'ibirebana n'uburyo imirimo ikorwa.

Amasezerano y'umurimo hagati y'umukozi n'umukoresha yo ku rwego rwa kabiri (2) agengwa n'iri tegeko.

Article 22: Right to be reinstated in employment after being dismissed for economic or technical reasons

A worker dismissed for economic or technical reasons and whose dismissal does not last more than six (6) months is entitled to be reinstated in employment without competition when he meets the profile required for the position to which the employer seeks to fill.

Article 23: Subcontract

The subcontract occurs when the employer assigns the performance of part of work or services to another employer.

The subcontract provides for guarantee for the payment of salaries of and social security contributions for employees and other obligations of the employer towards the employee and work conditions.

The subcontract between an employee and an employer is governed by this Law.

Article 22: Droit d'être réintégré dans l'emploi après avoir été licencié pour des raisons d'ordre économique ou technique

Un travailleur licencié pour des raisons d'ordre économique ou technique et dont le licenciement ne date pas plus de six (6) mois a le droit d'être réintégré dans l'emploi sans compétition lorsqu'il remplit le profil requis pour le poste auquel l'employeur souhaite pourvoir.

Article 23: Contrat de sous-traitance

Le contrat de sous-traitance a lieu lorsque l'employeur confie à un autre employeur l'exécution d'une partie du travail ou des services.

Le contrat de sous-traitance prévoit une garantie pour le paiement des salaires et des cotisations à la sécurité sociale des travailleurs ainsi que d'autres obligations de l'employeur envers le travailleur et les conditions du travail.

Le contrat de sous-traitance entre un travailleur et un employeur est régi par la présente loi.

Icyiciro cya 2: Gusesa amasezerano y'umurimo no gusezerera umukozi

Section 2: Termination of employment contract and dismissal of employee

Section 2: Résiliation du contrat de travail et licenciement du travailleur

Ingingo ya 24: Gusesa amasezerano y'umurimo hatanzwe integuza

Article 24: Termination of employment contract with notice

Article 24: Résiliation du contrat de travail avec préavis

Haseguriwe ibikubiye mu masezerano rusange, amategako ngengamikorere cyangwa amasezerano y'umurimo, integuza igomba gutangwa n'umukoresha cyangwa umukozi mu buryo bukurikira:

Subject to the provisions of the collective agreement, rules of procedure or employment contract, the period of notice given by the employer or employee must be as follows:

Sous réserve des dispositions de la convention collective, du règlement intérieur ou du contrat de travail, la période de préavis donné par l'employeur ou le travailleur doit être comme suit :

1 ° iminsi cumi n'itanu (15) nibura iyo umukozi yakoze igihe kiri muni y'umwaka umwe (1);

1 ° at least fifteen (15) days, in case an employee has served for less than one (1) year;

1 ° quinze (15) jours au moins, si le travailleur a travaillé pour une période inférieure à un (1) an;

2 ° iminsi mirongo itatu (30) nibura iyo umukozi yakoze igihe kirenze umwaka umwe (1).

2 ° at least thirty (30) days, in case an employee has served for more than one (1) year.

2 ° trente (30) jours au moins, si le travailleur a travaillé plus d'un (1) an.

Gutanga integuza bigomba gukorwa mu nyandiko kandi hakagaragazwa impamvu yo gusesa amasezerano y'umurimo.

The notice must be given in writing and state reasons for termination of employment contract.

Le préavis doit être donné par écrit, en indiquant les raisons de résiliation du contrat de travail.

Umukoresha ntiyemerewe gusesa amasezerano y'umurimo mu bihe bikurikira:

The employer cannot terminate employment contract in the following circumstances:

L'employeur ne peut résilier le contrat de travail dans les circonstances suivantes :

1 ° igihe umukozi ari mu isubikwa ry'amasezerano y'umurimo;

1 ° in case the employee is in suspension period of the employment contract;

1 ° au cas où le travailleur est en période de suspension du contrat de travail;

2 ° igihe umukozi ari mu kiruhuko afitiye uburenganzira.

2 ° in case an employee is on a leave.

2 ° au cas où le travailleur est en congé.

Mu gihe cy'integuza yatanze n'umukoresha, umukozi yemerewe gusiba akazi umunsi umwe (1) mu cyumweru kugira ngo ashake akandi kazi.

During the period of a notice given by an employer, the employee is allowed to be absent at work for one (1) day per week to look for a new job.

Durant la période de préavis donné par l'employeur, le travailleur est autorisé à s'absenter au travail une (1) journée par semaine pour chercher un nouvel emploi.

Nta nteguza ishobora kubaho mu gihe cy'igeragezwa.

No notice can be given during the probation period.

Aucun préavis ne peut être donné pendant la période d'essai.

Ingingo ya 25: Amafaranga y'igihe cy'integuza

Article 25: Compensation notice

Article 25: Indemnité compensatrice de préavis

Haseguriwe ibikubiye mu masezerano rusange, amategeko ngengamikorere cyangwa amasezerano y'umurimo, iseswa ryose ry'amasezerano y' umurimo nta nteguza cyangwa igihe cy'integuza kitubahirijwe cyose, bituma uyasheshe aha undi indishyi ziteganywa n'iri tegeko.

Subject to the provisions of collective agreement, rules of procedure or employment contract, any contract termination without notice or without having fully observed the notice period results in the party responsible for termination paying the other party the compensation provided for by this Law.

Sous réserve des dispositions de la convention collective, du règlement intérieur ou du contrat de travail, toute résiliation du contrat de travail sans préavis ou sans que le délai de préavis ait été intégralement observé emporte l'obligation pour la partie responsable de verser à l'autre partie une indemnité prévue par la présente loi.

Ingingo ya 26: Iseswa ry'amasezerano y'umurimo ritewe n'ikosa rikomeye

Article 26: Termination of employment contract for gross misconduct

Article 26: Résiliation du contrat de travail pour faute lourde

Umukoresha asesa amasezerano y'umurimo hadatanze integuza mu gihe umukozi akoze ikosa rikomeye.

The employer terminates employment contract without notice in case of employee's gross misconduct.

L'employeur résilie le contrat de travail sans préavis en cas de faute lourde commise par le travailleur.

Mu gihe iseswa ry'amasezerano y'umurimo ritewe n'ikosa rikomeye,

If employment contract is terminated for gross misconduct, the employer must notify

Si le contrat de travail est résilié pour faute lourde, l'employeur doit aviser le

umukoresha agomba kumenyesha umukozi mu nyandiko mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48) uhaye igihe ibimenyetso by'ikosa rikomeye bigaragariye kandi akagaragaza impamvu z'iseswa.

the employee within forty-eight (48) hours of the occurrence of evidence of the gross misconduct specifying the grounds for termination.

travailleur par écrit dans les quarante-huit (48) heures suivant la survenance des preuves de ladite faute lourde en précisant les motifs de résiliation.

Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze rishyiraho urutonde rw'amakosa akomeye.

An Order of the Minister in charge of labour establishes the list of gross misconduct.

Un arrêté du Ministre ayant le travail dans ses attributions établit la liste de fautes lourdes.

Ingingo ya 27: Iseswa ry'amasezerano y'umurimo y'igihe kitazwi

Article 27: Termination of indefinite term employment contract

Article 27: Résiliation du contrat de travail à durée indéterminée

Amasezerano y'umurimo y'igihe kitazwi ashobora guseswa n'umwe mu bayagiranye bitewe n'impamvu zifite ishingiro.

An indefinite term employment contract can be terminated by either party for legitimate reasons.

Le contrat de travail à durée indéterminée peut être résilié par l'une des parties au contrat pour des motifs légitimes.

Ingingo ya 28: Irangira n'iseswa ry'amasezerano y'umurimo y'igihe kizwi

Article 28: Expiry and termination of a fixed-term employment contract

Article 28: Expiration et résiliation du contrat de travail à durée déterminée

Amasezerano y'umurimo y'igihe kizwi arangira icyo gihe cyateganyijwe kirangiye.

A fixed-term employment contract comes to an end at the expiry of the duration set therein.

Un contrat de travail à durée déterminée prend fin à son terme.

Icyakora, amasezerano y'umurimo y'igihe kizwi ashobora guseswa mbere y'igihe icyo impande zombi zibyumvikanyeho.

However, a fixed-term employment contract can be terminated before the duration set therein by mutual consent of the parties.

Toutefois, un contrat de travail à durée déterminée peut être résilié avant son terme par consentement mutuel des parties.

Uruhande rwifuza gusesa amasezerano y'umurimo y'igihe kizwi mbere y'igihe

A party wishing to terminate a fixed-term employment contract before the expiry of

La partie qui désire résilier un contrat de travail à durée déterminée avant son terme

cyateganyijwe rugomba kuba rufite impamvu ifite ishingiro ituma aseswa.	the duration set therein must have legitimate reasons for termination.	doit avoir des motifs légitimes de résiliation.
Iyo amasezerano y'umurimo y'igihe kizwi atongerewe mu nyandiko, umukozi agakomeza gukora, ahembwa hashingiwe ku minsi yakoze.	If a fixed-term contract is not renewed in writing while the employee continues to work, the employee is remunerated based on worked days.	Si un contrat à durée déterminée n'est pas renouvelé par écrit et que le travailleur continue de travailler, il est rémunéré sur base des jours prestés.
<u>Ingingo ya 29: Kumenyeshwa igihe cy'integuza</u>	<u>Article 29: Notification of the notice period</u>	<u>Article 29: Notification du délai de préavis</u>
Integuza igomba kumenyeshwa mu nyandiko uruhande ireba hakagaragazwa n'impamvu zituma amasezerano aseswa. Mu gihe cy'integuza, umukoresha n'umukozi bagomba kubahiriza ibyo bumvikanyeho.	The notice must be notified in writing to the concerned party, specifying the grounds for contract termination. During the notice period, the employer and the employee must respect the terms agreed upon between them.	Le préavis doit être notifié à la partie concernée par écrit en précisant les motifs de résiliation du contrat. Pendant le délai de préavis, l'employeur et le travailleur doivent respecter les termes convenus entre eux.
Iyo habaye ubwumvikane bw'impande zombi, integuza ntiba ngombwa.	The notice is not required if so mutually agreed between parties.	Le préavis n'est pas requis en cas d'accord mutuel des parties.
<u>Ingingo ya 30: Indishyi zitewe n'iseswa ry'amasezerano y'umurimo</u>	<u>Article 30: Damages for termination of employment contract</u>	<u>Article 30: Dommages et intérêts pour résiliation du contrat de travail</u>
Iseswa ry'amasezerano y'umurimo rinyuranyije n'amategeko rituma hatangwa indishyi.	Unlawful termination of employment contract gives rise to the payment of damages.	La résiliation abusive du contrat de travail donne lieu au paiement des dommages et intérêts.
Indishyi zihabwa umukozi wirukanywe binyuranyije n'amategeko ntizishobora kujya munsi y'umushahara w'amezi atatu (3), ariko kandi ntizishobora kurenza umushahara ahabwa w'amezi atandatu (6).	Damages paid to the employee victim of unfair dismissal cannot go below his/her three (3) month salary, nor exceed his/her six (6) month salary.	Les dommages et intérêts à allouer à un travailleur victime d'un licenciement abusif ne peuvent être en dessous du salaire de trois (3) mois mais ne peuvent pas dépasser l'équivalent de six (6) mois de son salaire.

Icyakora, iyo umukozi afite uburambe ku kazi burenze imyaka icumi (10) ku mukoresha umwe, indishyi ntizishobora kurenga umushahara ahabwa w'amezi icyenda (9).

Indishyi zivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo zinahabwa abari intumwa z'abakozi, abagize komite z'ubuzima n'umutekano ku kazi n'abahagarariye sendika igihe birukanywe mu buryo bunyuranyije n'amategeko bazira gushyira mu bikorwa inshingano zabo zo guhagararira abakozi.

Ibiteganywa mu gika cya 2 n'icya 3 by'iyi ngingo byubahirizwa no mu gihe indishyi zigomba gutangwa n'umukozi washeshe amasezerano mu buryo bunyuranyije n'amategeko.

Ingingo ya 31: Imperekeza zitangwa kubera iseswa ry'amasezerano y'umurimo ritewe n'impamvu z'ubukungu, iz'ikoranabuhanga cyangwa iz'uburwayi

Bitabangamiye izindi ngingo ziteganyijwe muri iri tegeko, gusesa amasezerano y'umurimo kubera impamvu z'ubukungu, iz'ikoranabuhanga cyangwa iz'uburwayi ku mukozi umaze nibura amezi cumi n'abiri

However, if the employee has more than ten (10) years of experience with the same employer, damages cannot exceed his/her nine (9)-month net salary.

Damages provided for under Paragraph 3 of this Article are also paid to employees' representatives, occupational health and safety committee members and trade union representatives' victims of unfair dismissal as a result of the discharge of their responsibility to represent employees.

The provisions of Paragraphs 2 and 3 of this Article also apply in case of damages to be paid by the employee having unlawfully terminated the contract.

Article 31: Terminal benefits for termination of employment contract as a result of economic reasons, technological transfer or sickness

Without prejudice to other provisions of this Law, the termination of employment contract due to economic reasons, technological transfer or sickness for an employee having served for at least twelve

Toutefois, lorsque le travailleur a une ancienneté de plus de dix (10) ans chez le même employeur, les dommages et intérêts à lui allouer ne peuvent pas excéder l'équivalent de neuf (9) mois de salaire net.

Les dommages et intérêts stipulés à l'alinéa 3 du présent article sont également payés aux délégués des travailleurs, aux membres du comité de santé et de sécurité au travail et aux représentants du syndicat victimes d'un licenciement abusif qui leur est infligé pour cause d'accomplissement de leur responsabilité de représenter les travailleurs.

Les dispositions des alinéas 2 et 3 du présent article s'appliquent également en cas de dommages et intérêts à charge du travailleur ayant résilié le contrat de manière abusive.

Article 31: Indemnités de départ pour résiliation du contrat de travail pour des raisons économiques, de transfert technologique ou de maladie

Sans préjudice d'autres dispositions de la présente loi, la résiliation du contrat de travail pour des raisons économiques, de transfert technologique ou de maladie pour un travailleur ayant servi au moins douze

(12) akora nta guhagarika, bituma umukoresha amuha impererekeza zo gusezererwa ku kazi.

Uretse ingingo z'amasezerano rusange cyangwa iz'amasezerano yihariye y'umurimo zibereye umukozi, imperekeza zitangwa kubera gusezererwa, ntizishobora kujya muni ya:

1 ° inshuro ebyiri (2) z'umushahara mpuzandengo w'ukwezi ku mukozi ufite uburambe buri muni y'imyaka itanu (5) mu kigo kimwe;

2 ° inshuro eshatu (3) z'umushahara mpuzandengo w'ukwezi ku mukozi ufite uburambe buhera ku myaka itanu (5) kugeza ku icumi (10) mu kigo kimwe;

3 ° inshuro enye (4) z'umushahara mpuzandengo w'ukwezi ku mukozi ufite uburambe buri hejuru y'imyaka icumi (10) kugeza kuri cumi n'itanu (15) mu kigo kimwe;

4 ° inshuro eshanu (5) z'umushahara mpuzandengo w'ukwezi ku mukozi ufite uburambe buri hejuru y'imyaka cumi n'itanu (15) kugeza

(12) consecutive months entails the employee's right to terminal benefits.

Apart from clauses of the collective agreement or individual employment contract more favourable to the employee, terminal benefit can in no way be less than:

1 ° two (2) times the average monthly salary for the employee having less than five (5) years of service with the same enterprise;

2 ° three (3) times the average monthly salary for the employee having between five (5) and ten (10) years of service with the same enterprise;

3 ° four (4) times the average monthly salary for the employee having between ten (10) and fifteen (15) years of service with the same enterprise;

4 ° five (5) times the average monthly salary for the employee having between fifteen (15) and twenty (20) years of service with the same enterprise;

(12) mois consécutifs donne droit à une indemnité de départ.

Sauf clauses de la convention collective ou du contrat individuel de travail plus favorables au travailleur, le montant de l'indemnité de départ ne peut en aucun cas être en dessous de :

1 ° deux (2) fois le salaire mensuel moyen pour un travailleur ayant moins de cinq (5) ans d'ancienneté dans la même entreprise;

2 ° trois (3) fois le salaire mensuel moyen pour un travailleur ayant l'ancienneté de cinq (5) à dix (10) ans dans la même entreprise;

3 ° quatre (4) fois le salaire mensuel moyen pour un travailleur ayant l'ancienneté de dix (10) à quinze (15) ans dans la même entreprise;

4 ° cinq (5) fois le salaire mensuel moyen pour un travailleur ayant plus de quinze (15) à vingt (20) ans d'ancienneté dans la même entreprise;

kuri makumyabiri (20) mu kigo kimwe;

5 ° inshuro esheshatu (6) z'umushahara mpuzandengo w'ukwezi ku mukozi ufite uburambe buri hagati y'imyaka makumyabiri (20) na makumyabiri n'itanu (25) mu kigo kimwe;

6 ° inshuro zirindwi (7) z'umushahara mpuzandengo w'ukwezi ku mukozi ufite uburambe buri hejuru y'imyaka makumyabiri n'itanu (25) mu kigo kimwe.

5 ° six (6) times the average monthly salary for the employee having between twenty (20) and twenty-five (25) years of service with the same enterprise;

6 ° seven (7) times the average monthly salary for the employee having over twenty-five (25) years of service with the same enterprise.

5 ° six (6) fois le salaire mensuel moyen pour un travailleur ayant entre vingt (20) et vingt-cinq (25) ans d'ancienneté dans la même entreprise;

6 ° sept (7) fois le salaire mensuel moyen pour un travailleur ayant plus de vingt-cinq (25) ans d'ancienneté dans la même entreprise.

Umushahara mpuzandengo w'ukwezi uboneka bagabanya na cumi na kabiri (12) igiteranyo cy'imishahara umukozi yahembwe mu mezi cumi n'abiri (12) ya nyuma y'akazi, hatabariwemo amafaranga ahabwa umukozi mu rwego rwo kumworohera akazi.

The average monthly salary is obtained by dividing by twelve (12) the total salary the employee has received for the last twelve (12) months exclusive of allowances allocated to the employee to enable him/her to perform his/her duties.

Le salaire mensuel moyen est le quotient du total des salaires versés au travailleur dans les douze (12) derniers mois par le nombre douze (12) à l'exclusion des indemnités versées au travailleur pour lui faciliter la réalisation de son travail.

Kwishyurwa imperekeza bigomba gukorwa mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) y'akazi umukozi asezerewe.

The terminal benefits must be paid within seven (7) working days of the dismissal of the employee.

L'indemnité de départ doit être payée dans les sept (7) jours ouvrables suivant le licenciement du travailleur.

Imperekeza iteganywa muri iyi ngingo ihabwa na none umukozi amasezerano ye y'umurimo yasheshwe nyuma y'amezi atandatu (6) kubera uburwayi ntashobore gukomeza akazi.

The terminal benefits provided for under this Article are also allocated to an employee whose employment contract is terminated after six (6) months due to

Les indemnités de départ prévues par le présent article sont également allouées au travailleur dont le contrat de travail est résilié après six (6) mois à cause de maladie s'il n'est pas capable de retourner au travail.

sickness in case he/she is unable to resume a work.

Ingingo ya 32: Impamba y'izabukuru

Umukozi agiye mu kiruhuko cy'izabukuru ahabwa impamba y'izabukuru ibarwa ku buryo bumwe n'ubuvugwa mu ngingo ya 31 y'iri tegeko.

Impamba y'izabukuru ntibangikanywa n'iy'imperekeza.

Article 32: Retirement benefits

A retiring employee receives retirement benefits calculated in the same manner as under Article 31 of this Law.

Retirement benefits are not payable cumulatively with terminal benefits.

Article 32: Indemnité de départ à la retraite

Un travailleur qui prend sa retraite bénéficie d'une indemnité de départ à la retraite calculée de la même manière que celle prévue à l'article 31 de la présente loi.

L'indemnité de départ à la retraite ne se cumule pas avec l'indemnité de licenciement.

Ingingo ya 33: Amafaranga y'ishyingura n'ay'impozamarira

Umukoresha aha umuryango w'umukozi wapfuye amafaranga yo kumushyingura n'ay'impozamarira.

Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze rigena amafaranga yo gushyingura umukozi ay'impozamarira n'uburyo atangwa.

Article 33: Funeral expenses and death allowances

In case of an employee's death, the employer gives to his/her family funeral expenses and death allowances.

An Order of the Minister in charge of labour determines funeral expenses and death allowances and modalities for their payment.

Article 33: Dépenses funéraires et indemnités de décès

En cas de décès d'un travailleur, l'employeur donne à sa famille les dépenses funéraires et les indemnités de décès.

Un arrêté du Ministre ayant le travail dans ses attributions détermine les dépenses funéraires et les indemnités de décès et les modalités de leur paiement.

Ingingo ya 34: icyemezo cy'imirimo yakozwe

Iyo amasezerano y'umurimo arangiye, umukoresha aha umukozi ibyo amugomba hamwe n'icyemezo cyemeza ko

Article 34: Certificate of rendered services

When the employment contract expires, the employer pays to an employee his/her final dues pay and a certificate of rendered

Article 34: Certificat de services rendus

À l'expiration du contrat de travail, l'employeur met à la disposition du travailleur le décompte final et un certificat

yamukoreye. Icyo cyemezo, kigaragaza gusa itariki yatangiriyeho akazi, itariki akazi karangiriyeho, akazi yakoraga cyangwa ubwoko bw'inyanya y'imirimo yakozeho.

Umukoresha wanze gutanga mu minsi cumi n'itanu (15) icyemezo cy'imirimo yakozwe kandi umukozi yagisabye mu nyandiko, cyangwa ntashyiremo kimwe mu bisabwa nk'uko bigaragazwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, agomba kwishyura indishyi zingana n'ukwezi kumwe (1) k'umushahara uwo mukozi yahembwaga.

Icyiciro cya 3: Amasezerano yo kwitoza umurimo no kwimenyereza umurimo

Ingingo ya 35: Amasezerano yo kwitoza umurimo

Amasezerano yo kwitoza umurimo ni amasezerano umuyobozi w'ikigo agirana n'uwifuza kwitoza umurimo amwigisha cyangwa amuha abamwigisha umwuga ku buryo bunoze kandi bukwiye mu gihe kizwi bumvikanyeho agahabwa icyemezo kigaragaza ko yarangije kwitoza umurimo.

services. Such a certificate exclusively indicates the date of entry into and of leaving the employment and the nature of the employment or positions he/she occupied.

An employer who refuses to issue a certificate of rendered services within fifteen (15) days while an employee has requested for it in writing or omits one of the elements provided for under Paragraph One of this Article pays damages of one (1) monthly salary of the employee.

Section 3: Apprenticeship and internship contracts

Article 35: Apprenticeship contract

An apprenticeship contract is a contract concluded between a head of the enterprise and a person wishing to work as an apprentice whereby the head of an enterprise teaches such person professional skills or puts him/her at the disposal of those who equip him/her with such skills for an agreed-upon fixed period and provide to him/her an apprenticeship certificate.

de services rendus. Ce certificat indique seulement la date de son entrée dans l'emploi et celle de cessation de ce dernier, la nature de l'emploi ou des postes occupés.

L'employeur qui refuse de délivrer dans un délai de quinze (15) jours un certificat de services rendus alors que le travailleur l'a demandé en écrit ou omet l'un des éléments prévus à l'alinéa premier du présent article doit payer des dommages et intérêts d'un (1) mois du salaire mensuel de ce travailleur.

Section 3: Contrat d'apprentissage et de stage

Article 35: Contrat d'apprentissage

Un contrat d'apprentissage est un contrat conclu entre un chef d'entreprise et une personne qui a besoin de travailler comme apprenti et par lequel le chef d'entreprise enseigne à l'apprenti des compétences professionnelles ou le met à la disposition de ceux qui lui enseignent ces compétences d'une manière méthodique pendant une période déterminée convenue entre eux à la fin de laquelle l'apprenti se voit délivrer un certificat d'apprentissage.

Ingingo ya 36: Amasezerano yo kwimenyereza umurimo

Amasezerano yo kwimenyereza umurimo ni amasezerano akorwa hagati y'umuyobozi w'ikigo n'uwifuza kwimenyereza umwuga hagamijwe guhuza ubumenyi bwo mu ishuri n'ibikorera ku murimo.

Ingingo ya 37: Imiterere y'amasezerano yo kwitoza umurimo n'ayo kwimenyereza umurimo

Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze rigena imiterere y'amasezerano yo kwitoza umurimo n'ayo kwimenyereza umurimo.

UMUTWE WA III: IMITERERE RUSANGE Y'AHAKORERWA IMIRIMO N'UBURYO IKORWA

Icyiciro cya mbere: Uburenganzira n'inshingano by'umukoresha n'umukozi

Ingingo ya 38: Uburenganzira bw'umukoresha

Haseguriwe ibikubiye mu masezerano rusange, amategeko ngengamikorere cyangwa amasezerano y'umurimo,

Article 36: Internship contract

An internship contract is a contract concluded between a head of the enterprise and a person wishing to gain work experience in order to apply skills acquired through formal education in at workplace.

Article 37: Nature of apprenticeship and internship contracts

An Order of the Minister in charge of labour determines the nature of apprenticeship and internship contracts.

CHAPTER III: GENERAL WORKING CONDITIONS

Section One: Rights and obligations of employer and employee

Article 38: Rights of an employer

Subject to collective convention, rules of procedure or employment contract, the rights of an employer are the following:

Article 36: Contrat de stage

Un contrat de stage est un contrat conclu entre un chef d'entreprise et une personne qui a besoin d'acquérir une expérience de travail pour appliquer les compétences acquises à l'éducation formelle sur le lieu de travail.

Article 37: Nature des contrats d'apprentissage et de stage

Un arrêté du Ministre ayant le travail dans ses attributions détermine la nature des contrats d'apprentissage et de stage.

CHAPITRE III: CONDITIONS GÉNÉRALES DE TRAVAIL

Section première: Droits et obligations de l'employeur et du travailleur

Article 38: Droits de l'employeur

Sous réserve de la convention collective, du règlement intérieur ou du contrat de travail, les droits d'un employeur sont les suivants :

umukoresha afite uburenganzira
bukurikira:

1 ° gutanga akazi;

2 ° guha umukozi amabwiriza yerekeye akazi;

3 ° gukora isuzumabushobozi ry'umukozi, kuzamura mu ntera, kwimura umukozi, guhana umukozi no gusesa amasezerano y'umurimo y'umukozi;

4 ° guhindura, kongera cyangwa guhagarika imirimo.

1 ° to recruit an employee;

2 ° to give the employee instructions related to work;

3 ° to evaluate the performance of an employee, promote, transfer, impose disciplinary sanctions and terminate the employment contract of the employee;

4 ° to modify, extend or cease activities.

1 ° embaucher un travailleur;

2 ° donner au travailleur les instructions relatives au travail ;

3 ° évaluer les performances du travailleur, promouvoir, muter, infliger des sanctions disciplinaires et résilier le contrat de travail du travailleur;

4 ° modifier, augmenter ou cesser les activités.

Ingingo ya 39: Inshingano z'umukoresha

Haseguriwe ibikubiye mu masezerano rusange, amategako ngengamikorere cyangwa amasezerano y'umurimo, umukoresha afite inshingano z'ingenzi zikurikira:

1 ° gutanga amasezerano y'umurimo ku mukozi kandi umukozi agahabwa kopi yayo;

2 ° guha umukozi akazi basezeranye, akagatangira igihe n'ahantu bumvikanye;

Article 39: Obligations of an employer

Subject to collective convention, rules of procedure or employment contract, the employer has the following main duties:

1 ° to provide an employee with an employment contract and its copy;

2 ° to give the employee the agreed work at the time and place as agreed upon;

Article 39: Obligations de l'employeur

Sous réserve de la convention collective, du règlement intérieur ou du contrat de travail, l'employeur a des obligations principales suivantes :

1 ° fournir au travailleur le contrat de travail et sa copie;

2 ° donner au travailleur l'emploi convenu au moment et au lieu convenus;

- | | | |
|---|--|---|
| 3 ° kuyobora umukozi kandi agakora ibishoboka byose kugira ngo akazi gakorerwe ahantu hameze neza hubahirije ibijyanye n'ubuzima n'umutekano ku kazi; | 3 ° to supervise the employee and ensure that the work is done in suitable working conditions, as far as security and health in the workplace are concerned; | 3 ° diriger le travailleur et veiller à ce que le travail s'accomplisse dans les meilleures conditions de sécurité et santé du lieu de travail; |
| 4 ° guhemba umukozi umushahara basezeranye kandi ku gihe; | 4 ° to pay the employee the agreed salary on time; | 4 ° payer au travailleur le salaire convenue à temps; |
| 5 ° kwirinda icyakwangiza ubuzima n'umutekano by'ikigo, iby'abakozi n'ibidukikije; | 5 ° to avoid whatever can hamper the company's life and safety, its employees and the environment; | 5 ° éviter tout ce qui peut nuire à la vie et à la sécurité de l'entreprise, ses travailleurs et l'environnement; |
| 6 ° gushyira umukozi mu bwiteganyirize no kumutangira imisanzu mu Kigo cy'ubwiteganyirize bw'abakozi mu Rwanda; | 6 ° to affiliate and contribute for an employee to the social security organ in Rwanda; | 6 ° affilier le travailleur et contribuer pour lui à l'institution de sécurité sociale au Rwanda; |
| 7 ° kuganira n'abakozi cyangwa ababahagarariye ku bijyanye n'akazi; | 7 ° to discuss with the employees or their representatives on matters relating to work; | 7 ° échanger avec les travailleurs ou leurs représentants sur les questions ayant trait au travail; |
| 8 ° guha abakozi amahugurwa no gukomeza kubongerera ubushobozi; | 8 ° to provide employees with professional training and continue upgrading their capacity; | 8 ° offrir aux travailleurs la formation professionnelle et continuer le renforcement de leurs capacités; |
| 9 ° guha umukozi ibikoresho bimufasha mu kazi; | 9 ° to provide an employee with working equipment; | 9 ° fournir au travailleur le matériel de travail; |
| 10 ° kumenyesha Umugenzuzi w'Umurimo impanuka cyangwa urupfu by'umukozi bikomoka ku kazi. | 10 ° to notify the labour inspector work-related accident or death of an employee. | 10 ° notifier l'inspecteur du travail d'un accident ou décès lié au travail. |

Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze rigena uburyo amahugurwa y'abakozi atangwa.

An Order of the Minister in charge of labour determines modalities for training of employees.

Un arrêté du Ministre ayant le travail dans ses attributions détermine les modalités de formation des travailleurs.

Ingingo ya 40: Uburenganzira bw'umukozi

Article 40: Rights of an employee

Article 40: Droits du travailleur

Uburenganzira bw'umukozi burimo ubu bukurikira:

The rights of an employee include the following:

Les droits du travailleur comprennent notamment :

1 ° gukorera ahantu hubahirije ibijyanye n'ubuzima n'umutekano ku kazi;

1 ° to work in an environment where health and safety in the workplace are guaranteed;

1 ° travailler dans un environnement où la santé et la sécurité du lieu de travail sont garanties;

2 ° guhembwa umushahara ungana n'uw'abandi iyo bakora imirimo y'agaciro kangana;

2 ° to receive equal salary for works of equal value without discrimination of any kind;

2 ° avoir un salaire égal pour des travaux de valeur égale sans discrimination aucune;

3 ° guhabwa ibiruhuko nk'uko biteganywa n'amategeko;

3 ° to be provided leave as provided for by Law;

3 ° avoir droit aux congés tels que prévus par la loi;

4 ° kujya muri sendika yihitiyemo;

4 ° to join a trade union of his/her choice;

4 ° s'affilier à un syndicat de son choix;

5 ° guhabwa amahugurwa n'umukoresha

5 ° to be trained by his/her employer;

5 ° être formé par son employeur;

6 ° guhabwa amakuru ajyanye n'akazi akora.

6 ° to receive information relevant to his/her work.

6 ° recevoir des informations pertinentes à son travail.

Ingingo ya 41: Inshingano z'umukozi

Umukozi afite inshingano z'ingenzi zikurikira:

- 1 ° gukora ubwe akazi yahawe ku gihe no gutanga umusaruro;
- 2 ° kubahiriza amabwiriza y'umukoresha cyangwa umuhagarariye;
- 3 ° kwirinda icyahungabanya umutekano we n'uwa bagenzi be cyangwa uw' aho akorera ;
- 4 ° gufata neza ibikoresho ahawe n'umukoresha;
- 5 ° kwitabira akazi ku gihe;
- 6 ° kurengera inyungu z'akazi.

Article 41: Obligations of an employee

An employee has the following main obligations:

- 1 ° to personally carry out his/her work or service on time and achieve performance;
- 2 ° to respect the employer's or his/her representative's instructions;
- 3 ° to abstain from an act that would threaten his/her security and that of his/her colleagues or that of his/her workplace;
- 4 ° to keep in good conditions tools given to him/her by the employer;
- 5 ° to report at work on time;
- 6 ° to protect the interests of the work.

Article 41: Obligations du travailleur

Le travailleur a des obligations principales suivantes:

- 1 ° effectuer personnellement son travail ou un service à temps et donner les résultats;
- 2 ° respecter les instructions de l'employeur ou de son représentant;
- 3 ° s'abstenir de ce qui pourrait menacer sa sécurité et celle de ses collègues ou celle de son endroit de travail;
- 4 ° maintenir en bon état les outils lui remis par l'employeur;
- 5 ° se présenter au travail à temps;
- 6 ° protéger les intérêts du travail.

Ingingo ya 42: Ibihano byo mu rwego rw'akazi

Haseguriwe ibiteganyijwe mu ngingo zibereye umukozi zikubiye mu masezerano rusange, amategeko ngengamikorere cyangwa amasezerano y'umurimo, kandi hakurikijwe uburemere bw'ikosa, ibihano

Article 42: Disciplinary sanctions

Subject to the favourable provisions of collective conventions, rules of procedure or employment contract and depending on the severity of the misconduct, the

Article 42: Sanctions disciplinaires

Sous réserve des dispositions favorables de la convention collective, du règlement intérieur ou du contrat de travail et selon la gravité de la faute, les sanctions

byo mu rwego rw'akazi bishobora guhanishwa umukozi ni ibi bikurikira:

- 1 ° kwihanangirizwa mu magambo;
- 2 ° kugawa mu nyandiko;
- 3 ° guhagarikwa by'agateganyo bitarenze iminsi umunani (8) y'akazi idahemberwa;
- 4 ° gusezererwa.

disciplinary sanctions that may be imposed on the employee are the following:

- 1 ° oral warning;
- 2 ° written reprimand;
- 3 ° temporary suspension not exceeding eight (8) working days without pay;
- 4 ° dismissal.

disciplinaires qui peuvent être infligées au travailleur sont les suivantes :

- 1 ° l'avertissement verbal;
- 2 ° le blâme écrit;
- 3 ° la suspension temporaire ne dépassant pas huit (8) jours ouvrables impayés;
- 4 ° le licenciement.

Icyiciro cya 2: Amasaha y'akazi

Ingingo ya 43: Amasaha y'akazi

Amasaha ntarengwa y'akazi ni mirongo ine n'atanu (45) mu cyumweru. Icyakora, umukozi ashobora gukora amasaha y'ikirenga abyumvikanyeho n'umukoresha.

Ingengabihe ya buri muni y'amasaha y'akazi n'ay'ikiruhuko ku mukozi igenwa n'umukoresha. Ikiruhuko cya buri muni umukoresha agenera umukozi ntikibarirwa mu masaha y'akazi.

Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze rigena uburyo amasaha y'akazi mu cyumweru yubahirizwa.

Section 2: Working hours

Article 43: Working hours

The maximum working hours are forty-five (45) hours a week. However, an employee can work extra hours upon the agreement with his/her employer.

The daily timetable for work hours and break for an employee is determined by the employer. The daily rest granted by the employer to the employee is not counted as work hours.

An Order of the Minister in charge of labour determines modalities for the implementation of working hours a week.

Section 2: Heures de travail

Article 43: Heures de travail

Les heures de travail sont au maximum de quarante-cinq (45) heures par semaine. Toutefois, un travailleur peut travailler des heures supplémentaires suivant une entente avec son employeur.

L'horaire journalier des heures de travail et de repos pour un travailleur est fixé par l'employeur. Le repos journalier donné par l'employeur au travailleur n'est pas comptabilisé comme heures de travail.

Un arrêté du Ministre ayant le travail dans ses attributions détermine les modalités de

mise en application des heures de travail par semaine.

Ingingo ya 44: Amasaha y'ikiruhuko mu cyumweru

Umukoresha agenera umukozi ikiruhuko kitari muni y'amasaha makumyabiri n'ane (24) mu cyumweru atabarirwa mu masaha y'akazi avugwa mu ngingo ya 43 y'iri tegeko.

Icyiciro cya 3: Ibiruhuko

Ingingo ya 45: Ubwoko bw'ibiruhuko

Umukozi yemerewe ikiruhuko cy'umwaka. Umukozi ashobora kandi guhabwa ikiruhuko cy'ingoboka, icyo kubyara, icy'uburwayi cyangwa uruhushya.

Ingingo ya 46: Ikiruhuko cy'umwaka

Umukoresha agomba kugenera umukozi ikiruhuko cy'umwaka. Uretse ibiteganywa ukundi muri iri tegeko, ikiruhuko cy'umwaka ntigishobora kuvunjwa mu mafaranga.

Uretse ingingo z'amasezerano zibereye umukozi ikiruhuko cy'umwaka kingana n'umunsi umwe n'igice (1½) w'akazi buri kwezi kw'akazi.

Article 44: Weekly rest hours

An employer provides an employee with a break of not less than twenty-four (24) hours a week which is not counted in the hours provided for under the Article 43 of this Law.

Section 3: Leaves

Article 45: Types of leaves

An employee is entitled to an annual leave. He/she can also receive circumstantial leave, maternity, sick leave or authorized absence.

Article 46: Annual leave

An employer must provide an employee with an annual leave. Unless otherwise provided in this Law, annual leave cannot be compensated in cash.

Except for provisions of the contract that are more favourable to an employee, annual leave equals to one and a half (1½) working days per month of work.

Article 44: Heures de repos hebdomadaire

Un employeur accorde au travailleur un repos d'au moins vingt-quatre (24) heures par semaine qui n'est pas compté dans les heures de travail stipulé à l'article 43 de la présente loi.

Section 3: Congés

Article 45: Types de congé

Un travailleur a droit à un congé annuel. Il peut également bénéficier d'un congé de circonstances, de maternité, de maladie ou d'une permission d'absence.

Article 46: Congé annuel

Un employeur doit accorder à un travailleur un congé annuel. Sauf disposition contraire de la présente loi, le congé annuel ne peut être compensé en argent.

Sauf dispositions de contrat plus favorables à un travailleur, le congé annuel équivaut à un jour et demi (1½) ouvrable par mois de travail.

Umwana ukora afite imyaka (16) ariko atarageza ku myaka cumi n'umunani (18) agomba guhabwa iminsi ibiri (2) y'akazi y'ikiruhuko buri kwezi kw'akazi.	An employed child aged sixteen (16) and older but younger than eighteen (18) years of age must be given two (2) working days of leave per month of work.	Un enfant travaillant âgé d'au moins seize (16) mais de moins de dix-huit (18) ans doit bénéficier de deux (2) jours ouvrables de congé par mois de travail.
Umukozi ufite uburambe mu kigo kimwe bwa buri myaka itatu (3) ahabwa umunsi umwe (1) w'akazi w'inyongera ku kiruhuko cy'umwaka gihemberwa. icyakora, nta mukozi ushobora kurenza iminsi makumyabiri n'umwe (21) y'akazi y'ikiruhuko cy'umwaka gihemberwa.	An employee benefits from one (1) additional working day per year of annual paid leave for every three (3) years of experience in the same enterprise. However, annual paid leave, in any case, cannot exceed twenty-one (21) working days of paid annual leave.	Un travailleur bénéficie d'un (1) jour ouvrable de plus de congé payé pour tous les trois (3) ans d'expérience passés dans la même entreprise. Toutefois, le congé annuel payé ne peut pas excéder vingt et un (21) jours ouvrables de congé annuel payé..
Umukozi ugitangira akazi ajya mu kiruhuko cy'umwaka nyuma y'amezi cumi n'abiri (12) akora habariwemo n'igihe cy'igeragezwa.	A newly recruited employee enjoys an annual leave after twelve (12) months of service including the probation period.	Un nouveau travailleur engagé ne bénéficie de son congé annuel qu'après douze (12) mois de service y compris la période d'essai.
Iminsi y'ikiruhuko rusange iteganywa n'amategeko ntibarirwa mu kiruhuko cy'umwaka gihemberwa.	Official public holidays are not considered as part of the annual paid leave.	Les jours fériés officiels ne sont pas comptés dans le congé annuel payé.
Umukozi uri mu kiruhuko cy'umwaka akomeza kugira uburenganzira bushingiye ku masezerano ye y'umurimo.	An employee on annual leave continues to have the rights accruing from his/her employment contract.	Le travailleur en congé annuel continue d'avoir les droits découlant de son contrat de travail.
<u>Ingingo ya 47: Gahunda y'ikiruhuko cy'umwaka</u>	<u>Article 47: Annual leave schedule</u>	<u>Article 47: Calendrier de congé annuel</u>
Gahunda y'ikiruhuko cy'umwaka ikorwa n'umukoresha yitaye ku cyifuzo	The annual leave schedule is drawn up by the employer with due regard to the wish of	Le calendrier de congé annuel est établi par l'employeur en tenant compte de la volonté

cy'umukozi no ku buryo ikigo cyakomeza imikorere yacyo isanzwe.	the employee and the need for maintaining the normal functioning of the enterprise.	du travailleur et de la nécessité de maintenir le fonctionnement normal de l'entreprise.
Umukozi wifuza kujya mu kiruhuko abisaba umukoresha mu nyandiko nawe akamusubiza akoresheje inyandiko.	An employee wishing to go on leave must make a written request to the employer who in turn responds in writing.	Le travailleur qui a besoin de prendre un congé doit le demander à l'employeur par écrit qui, à son tour, lui répond par écrit.
Gahunda y'ikiruhuko cy'umwaka yemejwe n'umukoresha ntishobora kwigizwa inyuma cyangwa imbere n'umukoresha igihe kirenze amezi atatu (3), uretse igihe umukozi n'umukoresha babyumvikanyeho.	The annual leave schedule approved by the employer cannot be postponed or preponed by the employer for more than a three (3) months period, unless it is so agreed between the employee and employer.	Le calendrier de congé annuel approuvé par l'employeur ne peut être ni reporté, ni anticipé par l'employeur, d'une période de plus de trois (3) mois, à moins qu'il n'y ait accord entre le travailleur et l'employeur.
Umukoresha ashobora kwemerera umukozi kujya mu kiruhuko cy'umwaka mu byiciro bibiri (2).	An employer can allow an employee to go on his/her annual leave in two (2) phases.	L'employeur peut permettre au travailleur de prendre son congé annuel en deux (2) phases.
<u>Ingingo ya 48: Isubikwa ry'ikiruhuko cy'umwaka</u>	<u>Article 48: Interruption of annual leave</u>	<u>Article 48: Interruption du congé annuel</u>
Mu nyungu z'akazi umukoresha ashobora gusaba mu nyandiko umukozi wari uri mu kiruhuko kugaruka ku kazi.	Due to work interests, an employer can require in writing an employee who is on leave to return to work.	En raison d'intérêt de service, l'employeur peut demander par écrit au travailleur en congé de retourner au travail.
Iyo umukoresha asabye umukozi wari uri mu kiruhuko cy'umwaka kugaruka mu kazi umukozi ntatakaza uburenganzira bwe ku kiruhuko cy'umwaka, ahubwo agisubukura mu gihe kitarenze amezi atandatu (6).	If an employer requires an employee on annual leave to return to work, the employee do not lose the right to his remaining annual leave, it is resumed within six (6) months.	Lorsqu'un employeur demande à un travailleur en congé annuel de retourner au travail, le travailleur ne perd pas son droit au congé annuel, il est repris dans un délai ne dépassant pas six (6) mois.

Ingingo ya 49: Amafaranga y'insimburakiruhuko cy'umwaka

Iyo habaye iseswa cyangwa irangira ry'amasezerano y'umurimo mbere y'uko umukozi ajya mu kiruhuko cy'umwaka yari afitiye uburenganzira, ahabwa amafaranga asimbura ikiruhuko cy'umwaka yagombaga kuzabona.

Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikorwa kandi ku mukozi utaramara amezi cumi n'abiri (12) atangiye akazi.

Ingingo ya 50: Ubuzime bw'ikiruhuko cy'umwaka

Uburenganzira bwo gusaba ikiruhuko cy'umwaka buzima mu gihe cy'imyaka ibiri (2) ibarwa uhereye ku itariki umukozi yagiriyeho uburenganzira bwo kukijyamo.

Ingingo ya 51: Ikiruhuko cy'ingoboka

Umukozi afite uburenganzira ku kiruhuko cy'ingoboka n'ubwo gukomeza guhabwa umushahara we wose kubera ibyiza cyangwa ibyago byabaye mu muryango we.

Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze rigena ibiruhuko by'ingoboka n'uburyo bitangwa.

Article 49: Annual leave compensation indemnity

In case of employment contract termination or expiry before the employee benefits from his/her annual leave, he/she is given an indemnity compensating the annual leave to which he/she was entitled to.

Provisions of Paragraph One of this Article also apply to an employee who has not yet completed twelve (12) months of work.

Article 50: Prescription of annual leave

The right to request for an annual leave expires in a period of two (2) years counted from the date the employee had right to leave.

Article 51: Circumstantial leave

An employee has the right to circumstantial leave and to his full salary in case of fortunate or unfortunate events that have occurred in his/her family.

An Order of the Minister in charge of labour determines circumstantial leaves and modalities for granting them.

Article 49: Indemnité compensatrice de congé annuel

En cas de résiliation ou d'expiration du contrat de travail avant que le travailleur ait joui du congé annuel auquel il a droit, une indemnité compensatrice est payée à la place de congé annuel auquel il avait droit.

Les dispositions de l'alinéa premier du présent article s'appliquent également à un travailleur qui n'a pas encore fait douze (12) mois de service.

Article 50: Prescription de congé annuel

Le droit de réclamer un congé annuel expire dans une période de deux (2) ans à compter de la date où le travailleur a eu droit au congé.

Article 51: Congé de circonstance

Un travailleur jouit du droit au congé de circonstance et à l'intégralité de son salaire en cas d'événements heureux ou malheureux survenus dans sa famille.

Un arrêté du Ministre ayant le travail dans ses attributions détermine les congés de circonstance et les modalités de leur octroi.

Ingingo ya 52: Uruhushya rwo gusiba

Umukoresha ashobora guha umukozi uruhushya rwo gusiba ku kazi kubera impamvu zifite ishingiro.

Article 52: Authorised absence

An employer can grant an employee an authorised absence from work for duly justified reasons.

Article 52: Permission d'absence

Un employeur peut accorder à un travailleur une permission d'absence au travail pour des motifs dûment justifiés.

Ingingo ya 53: Iminsi y'ikiruhuko rusange

Umukozi afite uburenganzira ku kiruhuko rusange kandi agahabwa umushahara we wose.

Article 53: Official public holidays

An employee has the right to official public holiday and benefits from his/her full salary.

Article 53: Jours fériés officiels

Un travailleur a droit au jour férié officiel, et bénéficie de son salaire intégral.

Umukozi ukoze ku munsu w'ikiruhuko rusange aruhuka igihe kingana n'umunsu w'ikiruhuko rusange yakoze mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikurikiyeho.

An employee who works on official public holiday is entitled to a rest equivalent to an official public holiday on which he/she has worked in a period not exceeding thirty (30) days.

Un travailleur qui travaille au jour férié, bénéficie du repos équivalent à un jour férié auquel il a travaillé dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours.

Iteka rya Perezida rigena iminsi y'ikiruhuko rusange.

A Presidential Order determines the official public holidays.

Un arrêté présidentiel détermine les jours fériés officiels.

Ingingo ya 54: Ikiruhuko kigufi cy'uburwayi

Umukoresha aha umukozi ikiruhuko kigufi cy'uburwayi kitarengeje iminsi cumi n'itanu (15) kubera impamvu z'uburwayi zemejwe na muganga wemewe na Leta.

Article 54: Short-term sick leave

An employer grants an employee a short-term sick leave not exceeding fifteen (15) days for reasons of sickness ascertained by a recognised medical doctor.

Article 54: Congé de maladie de courte durée

Un employeur accorde à un travailleur un congé de courte durée de maladie de quinze (15) jours au plus pour des raisons de maladie attestées par un médecin agréé.

Kugira ngo umukozi ahabwe ikiruhuko kigufi cy'uburwayi gihemberwa agomba

For an employee to benefit from the short-term paid sick leave, he/she must present to

Pour bénéficier d'un congé de maladie de courte durée, un travailleur est tenu de

kugaragariza umukoresha we icyemezo cyatanzwe na muganga wemewe na Leta cyerekana ko adashobora gukora kubera uburwayi.

the employer a medical certificate signed by a recognised medical doctor justifying the employee's inability to work.

présenter à l'employeur un certificat médical délivré par un médecin agréé attestant son incapacité à travailler.

Ingingo ya 55: Ikiyuhuko kirekire cy'uburwayi

Article 55: Long-term sick leave

Article 55: Congé de maladie de longue durée

Iyo ikiyuhuko cy'uburwayi kirengeje iminsi cumi n'itanu (15) bigatangirwa icyemezo n'akanama k'abaganga batatu (3) bemewe na Leta, umukoresha aha umukozi ikiyuhuko kirekire cy'uburwayi kidashobora kurenza amezi atandatu (6).

When a sick leave exceeds fifteen (15) days while ascertained by a medical committee composed of three (3) recognised medical doctors, an employer grants an employee a long-term sick leave that cannot exceed six (6) months.

Lorsque le congé de maladie dépasse quinze (15) jours et qu'il est constaté par un comité médical composé de trois (3) médecins agréés, un employeur accorde à un travailleur un congé de maladie de longue durée ne dépassant pas six (6) mois.

Umukozi uri mu kiyuhuko kirekire cy'uburwayi, afite uburenganzira ku mushahara we wose mu gihe cy'amezi atatu (3) abanza.

An employee on a long-term sick leave is entitled to his/her full salary during the first three (3) months of leave.

Un travailleur en congé de maladie de longue durée a droit à son salaire pendant les trois (3) premiers mois de ce congé.

Umukozi ukomeje kurwara nyuma y'amezi atatu (3) y'ikiyuhuko cy'uburwayi, asigarana uburenganzira ku isubikwa ry'akazi mu gihe cy'amezi atatu (3) adahemberwa.

An employee who has been on a payable sick leave for three (3) months has the right to a non payable work suspension for three (3) months.

Au-delà de trois (3) mois de congé de maladie payé, le travailleur bénéficie uniquement du droit de suspension du travail de trois (3) mois non payés.

Iyo umukozi akomeje kurwara nyuma y'amezi atatu (3) y'isubikwa ry'umurimo rivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, umukoresha ashobora gusesa amasezerano y'umurimo mu buryo buteganywa n'iri tegeko.

If an employee remains sick three (3) months after the suspension of work referred to in Paragraph 3 of this Article, the employer can terminate the employment contract in accordance with the provisions of this Law.

Si un travailleur est toujours malade trois (3) mois après la suspension du travail stipulé à l'alinéa 3 du présent article, l'employeur peut résilier le contrat de travail conformément aux dispositions de la présente loi.

Ingingo ya 56: Ikiruhuko cyo kubyara

Umukozi w'igitsina gore wabyaye afite uburenganzira ku kiruhuko cyo kubyara kingana nibura n'ibyumweru cumi na bibiri (12) bikurikirana.

Igihe cy'ikiruhuko cyo kubyara kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ingingo gikubiyemo ibyumweru nibura bibiri (2) umukozi w'igitsina gore ashobora gufata mbere yo kubyara.

Ingingo ya 57: Ikiruhuko cy'inyongera mu gihe habaye ingorane zishingiye ku kubyara

Iyo hari ingorane zibayeho zishingiye ku kubyara, zaba ku mukozi w'igitsina gore wabyaye cyangwa ku mwana wavutse bikemezwa na muganga wemewe na Leta, umukoresha aha uwabyaye ikiruhuko cy'inyongera kitarengeje ukwezi kumwe (1) kandi gihemberwa hakurikijwe uko amategeko abiteganyaho.

Ingingo ya 58: Ibigererwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara

Ibigererwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara bitangwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Article 56: Maternity leave

A female employee who has given birth is entitled to a maternity leave of at least twelve (12) consecutive weeks.

Maternity leave referred to in Paragraph One of this Article includes at least two (2) weeks a female employee can enjoy before delivery.

Article 57: Additional leave in case of complications related to delivery

In the event of complications for a female employee who has given birth or the child related to delivery and ascertained by a recognised medical doctor, an employer grants the mother an additional leave of not more than one (1) month and paid in accordance with what the Laws provide for.

Article 58: Benefits Granted to a woman on Maternity leave

Maternity leave benefits are granted in accordance with relevant Laws.

Article 56: Congé de maternité

Un travailleur de sexe féminin qui a accouché a droit à un congé de maternité d'au moins douze (12) semaines consécutives.

Un congé de maternité stipulé à l'alinéa premier du présent article comprend au moins deux (2) semaines qu'un travailleur de sexe féminin peut prendre avant l'accouchement.

Article 57: Congé supplémentaire en cas de complications liées à l'accouchement

En cas de complications chez un travailleur de sexe féminin qui a accouché ou chez l'enfant qui sont liées à l'accouchement et confirmées par un médecin agréé, l'employeur accorde à la mère un congé supplémentaire ne dépassant pas un (1) mois et payé conformément à ce que les lois prévoient.

Article 58: Allocations accordées à une femme en congé de maternité

Les allocations de congé de maternité sont payées conformément aux lois en la matière.

Ingingo ya 59: Igihe cyo konsa

Mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) uherye igihe umukozi w'igitsina gore wabyaye yasubiriye ku kazi, umubyeyi afite uburenganzira ku kiruhuko cyo konsa cy'isaha imwe (1) ku munsu.

Ikiruhuko cyo konsa umukozi w'igitsina gore yemererwa n'amategako gikurwa ku masaha y'akazi kandi agomba kugihemberwa.

Ingingo ya 60: icyemezo cyo kubyara

Umukozi w'igitsina gore wabyaye, mbere yo gutangira ikiruhuko cyo kubyara ashyikiriza umukoresha we icyemezo gitangwa n'ivuriro ryemewe na Leta kigaragaza itariki yabyariyeho.

Icyakora, umukozi w'igitsina gore wifuza gufata ikiruhuko mbere yo kubyara, ashyikiriza umukoresha we icyemezo kigaragaza itariki ashobora kubyariraho cyatanzwe n'ivuriro ryemewe na Leta.

Article 59: Breastfeeding period

During twelve (12) months from the date of her resuming to work, a female employee who has given birth is entitled to a breastfeeding break of one (1) hour per day.

The breastfeeding break granted to a female employee by the Law is deducted from the working hours and must be remunerated.

Article 60: Certificate of delivery

A female employee who has given birth, before starting maternity leave, provides her employer with a certificate issued by a recognised health facility indicating the date of delivery.

However, a female employee who wishes to take maternity leave before delivery provides her employer with a certificate indicating the probable date of delivery issued by a recognised health facility.

Article 59: Période d'allaitement

Durant la période de douze (12) mois à partir de la date de son retour au travail, un travailleur de sexe féminin qui a accouché a droit à un repos d'allaitement d'une heure (1) par jour.

Le repos d'allaitement accordé à un travailleur de sexe féminin est pris sur les heures de travail et doit être rémunéré.

Article 60: Certificat d'accouchement

Un travailleur de sexe féminin qui a accouché, avant de commencer le congé de maternité, fournit à son employeur un certificat délivré par un établissement de santé agréé indiquant la date d'accouchement.

Toutefois, un travailleur de sexe féminin qui désire prendre le congé de maternité avant l'accouchement, fournit à son employeur un certificat indiquant la date probable d'accouchement délivré par un établissement de santé agréé.

Ingingo ya 61: Gusubira ku kazi nyuma y'ikiruhuko cyo kubyara

Umukozi w'igitsina gore wabyaye agomba kugaruka mu mwanya w'umurimo yari asanzwe akoramo, iyo ikiruhuko cyo kubyara kirangiye.

Umukoresha ntashobora guha umukozi w'igitsina gore wabyaye igihe cy'integuza yoku kwirukana gikubiye mu kiruhuko cyo kubyara.

Ingingo ya 62: Uruhurirane rw'ibiruhuko

Iyo ikiruhuko cy'umwaka gihuriranye n'ikindi kiruhuko mu biteganywa n'iri tegeko, ikiruhuko cy'umwaka kirasubikwa kikazakomeza nyuma y'icyo kiruhuko.

Icyiciro cya 4: Imiterere y'ahakorerwa umurimo n'uburyo ukorwa ku mugore utwite, uwonsa cyangwa umuntu ufite ubumuga

Ingingo ya 63: Imiterere y'ahakorerwa umurimo n'uburyo ukorwa ku mugore utwite cyangwa uwonsa

Umugore utwite cyangwa uwonsa ntakoreshwa umurimo ushobora kugira

Article 61: Resuming work after maternity leave

A female employee who has given birth must resume her work on her same post, at the end of maternity leave.

An employer cannot give a female employee who has given birth a notice of dismissal which is included in her maternity leave.

Article 62: Coincidence of leaves

